

Kristu Aragarutse – Arivugira ukuri kwe

Ibaruwa ya IX

Jyewe Kristu, naje nifashishije aya MABARUWA kubera ko ntashobora kugaruka mu iforoma nya-mubiri – cyangwa kongera gufata ubu-giti nya-muntu – kuva ntuye kandi ndi, jyewe ubwanjye, mu nkurikirane nya-mivumero z’ibonunumva ziyunguruye kandi zihanitse ku buryo nta foroma nya-bifatika nya-muntu ishobora gutwara ibonunumva nya-roho ryanjye. Brw9/01

Uburyo bwonyine bwo kubageraho nabonye ni ukunyura mu muntu – wumva, utega amatwi, wumvira kandi wihebeye ‘Imana’, wavukiye kuba umuyoboro nashoboye kwitegererezamo umuvurungutano w’ubuzima bwe bwuzuye ibikorwa n’ibiza, no kwitegererezamo ibibera ku isi. Brw9/02

Nashoboye gusuzuma byimbitse amakimbirane n’umubabaro, bitari bizwi mu binyejana byahise, kubera ko ibyavumbuwe ku rwego rw’ubuhanga n’ikoranabuhanga, ukubitiyeho icyendera ry’imboneramuco n’indangagaciro zigenderwaho, bitera imihangayiko mu buzima bw’ab’ubu n’imisabanire mishya hagati y’abantu. Brw9/03

Binyuze muri iyo gatekerezi inoze, nabashije kwiyumvira, mu rugero ruto, uburyo abantu b’ubu babayeho. Brw9/04

Iyo hataza kubaho ubwo bumenyi bw’imibereho nya-muntu, aya Mabaruka ntiyari kuba yaranditswe mu buryo bugamije gufasha abantu uko bariho muri iki gihe. Brw9/05

Imigendere yo kumubundikira¹ igice yatangiye mbere y’ivuka rye, irakomeza mu buto bwe no mu buzima bwe. Brw9/06

Bitangiriye mu gupangura byuzuye ibitekera muri gatekerezi ye, no kuyihanaguramo imitekerereze ishaje, ‘nyirikwandika’ wanjye yageragejwe nkana mu byo umuntu yahura na byo byose, agaragaza atyo umugoko n’amaganya y’ubuzima bw’ubu. Akurikije amabwiriza yanjye, yagiye yikura mu nzobo zinyuranye z’umuhangayiko, birangirira ku rupfu rwa jye-babona ye n’irari nya-gatekerezi mbamutima ry’ibintu; arimo ariga kuyega mu nkurikirane z’ibonunumva ry’urukundo mpuzahose, kandi yikorakoreye we ubwe *Ikirukuri cy’IBONUNUMVA MPUZAHOSE* ... ni uko yasukuwe bihagije kugira ngo yakire, mu buryo bugenda burushaho gutungana, inyigisho zanjye zo gusakazwa ku isi. Brw9/07

¹ Overshadowing

Agendeye kuri jye, yikuye mu buzima busanzwe ajya kwiherera ahe ha wenyine, birangira ari jye agenderaho ku byerekeye ubushake bwe bwa buri munsu bwo kubaho, nkaba nkora nyuze mu guhora kwe yiteguye umunota ku wundi kwakira amagambo yanjye igihe cyose imbaraga z’impuzahose n’iz’ibonunumva rye bwite zimushoboje kunyumva no kunyakira. Nishingikiriza ubudahemuka bwe no kwitangira gutegereza kunyumva neza, kandi ngakora ku buryo abibona neza iyo ari jye urimo uvuga. Iyo ntarimo mvuga, ntashobora kwandika. Brw9/08 a

Mbabwiye ibyo byose kugirango mushobore kwumva byuzuye imbaraga z’**IBONUNUMVA RYA KRISTU** zakoreshejwe mu guha iforoma aya Mabarwa. Brw9/08 b

****888****

Muri iyi Barwa, ngarwe no kwanzura andi MABARUWA yanjye, kandi nkayashyira MU RUHANDO RW’ISI, nerekana ukuntu izi nyigisho ziberanye na buri ruhande rw’ubuzima bwanyu ku isi ndetse n’amahanga yose. Brw9/09

Aya Mabarwa yandikiwe kuba mushyiguzi - ikibajomba – yo gufungurira gatekerezi n’imitima byanyu ISOKO y’UKUBA kwanyu, bikarangira ahindutse igituma mushobora kwumva neza ingaruka z’igitekerezo bwite na rusange n’imyitwarire yanyu kuri buri ruhande rw’imibereho yanyu yo ku isi. Brw9/10

Mu gihe, kera, amategeko mwahabwaga yerekeye imyitwarire nya-gihugu yibandaga ku kuziririza, ngo : ‘Kirazira... nimubikora – dore igihano – amategeko nya-roho nyayo ateye ku buryo buhabanye n’ibyo burundu. Brw9/11

Dore uko avugwa:

‘Kubera ko mwebwe n’umwanya wanyu mu mibereho yo ku isi mwaremwe kuri ubu buryo... nimukorana mahwi n’**Amategeko agenga Imibereho yanyu** ... muzafungurira urwungano rwanyu rwose rwa roho, gatekerezi, imbamutima, umubiri n’ibikikiza bwite, umuvumba w’**Ibonunumva Nya-mana, Imbaraga z’Ubuzima bwanyu**. Imbuta z’imyitwarire yanyu iboneye zizagarukira kubaha umugisha, zibuzuze ubuziramuze, ubusabane n’uburumbuke. Brw9/12

Ku rundi ruhande, nimwirengagiza aya **Mategeko y’Imibereho**, mugakomeza kubaho nk’uko byari bisanzwe mutarabona ubu butumwa, ubuzima bwanyu buzakomeza kurangwa n’imivurungutano, imihindagurikire igoye y’ibihe, ibiryi mu myaka yanyu, ibihombo by’akataraboneka, inzara n’ubuzima bwuzuye imihangayiko’. Brw9/13

Navugiye – nkana - muri aya Mabarwa ngo mbashoboze gushyikira ukuri, amahoro ya gatekerezi afite ireme n’urukundo nya-roho, ibyishimo, n’ikizwa ry’imbere rya gatekerezi, imbamutima n’umubiri. Brw9/14

Magingo aya mwagombye kuba mwarumvise kandi ko uyu ari na wo mugambi wonyine wari inyuma y'ubutumwa buheruka bwanjye mu bantu ku isi – kubereka uburyo bo ubwabo biremeraga ubutindi bwabo. Brw9/15

Mwigishijwe na kiriziya 'Nkirisitu' ko mwe mwaremwe n' 'Imana' mugomba 'kuramya no gushimisha Imana' mukurikiza amategeko yayo. Brw9/16

Ariko ibi si ukuri. 'Kuramya 'imana' ni umuhango wa gipagani. Iyo abantu baramya 'imana' bayishyira ukwayo hejuru yabo – 'idashobora kugerwaho kandi itinyitse – kuko nta wamenya ishyano yakohereza ku isi abantu badakoze ugushaka kwayo'. Brw9/17

Ariko ubwo si bwo butumwa nazanye ku isi. Navuze 'Data' yatangaga ibikenewe byose, yasubizaga iyo yahamagarwaga, yakizaga iyo yabisabwaga, yasumbaga abantu kandi 'ikanababamo', bisobanura ko Umuremyi yari mpuzahose. Brw9/18

Idini rya Kiyahudi ryigishije ko Abaherezabitambo Bakuru ari bo bonyine bashoboraga kwegera 'Ahatagatifu rwose' bagasabira abantu. Brw9/19

Rubanda bashoboraga kwegera Yehova gusa banyuze ku Baherezabitambo, bazana inyoni n'inyamaswa byo guturwaho ibitambo bitwikwa bigamije kugorora Yehova kubera 'ibiyaha' bya rubanda. Kuri ubwo buryo Abayahudi ngo babonaga 'imbabazi z'ibiyaha'. Brw9/20

Nigishije ubutaretsa rubanda ko bajyaga kubona **imbabazi z'ibiyaha za 'Data'** hakurikijwe ubushake bwabo bwo kubabarira abandi – kuko bajyaga gusarura hakurikijwe uko 'babibye'. Nigishije kandi rubanda kwegera **'Data'** nta wundi banyuzeho, bagasenga mu magambo asanzwe, basaba ibyo bakeneye mu buzima, kandi mbizeza ko bazumvwa n'amasengesho yabo agasubizwa, bapfa gusa gusengana ukwemera kuzuye – nta gushidikanya muri gatekerezi zabo. Mugomba kumva ko ikintu cyose nigishije Abayahudi cyavuguruzaga bitaziguye ibyo Abakuru b'Idini babo babigishaga, iyo ikaba ari yo mpamvu Abaherezabitambo banyanze bakambamba ku musaraba, kubera ko nari ndimo mbambura imyanya yabo ihanitse y' 'abatoni bwite' b' 'Ushobora byose'. Brw9/21

Kubera ko, ku mpamvu yo gutinya ukwihorera nyuma y'urupfu rwanjye, abigishwa batitaruye byuzuye Ikiragano cya kera, byinshi mu gitekerezo cy'Ikiragano cya kera byarakomeje byinjizwa mu iyobakamana rya 'Gikirisitu'. Brw9/22

Mu mwanya w'inyamaswa, umubiri n'amaraso bya 'Yezu' ni byo byahindutse gitambo giturwa n'abasaseridoti kuri alitari. Nyuma y'imyaka myinshi n'iyinjira rya Roma nk'umurinzi w'idini rya 'Gikristu', nk'Abaherezabitambo b'Abayahudi mbere yabo, Abasaseridoti b' 'Abanyaroma' na bo biyambitse imyenda ihenze banakoresha ibikoresho bya feza na zahabu mu mihango y'idini. Brw9/23

Mu gihe cya Pawulo, nta wari kubitekereza. Yatangaga ubutumwa butagoye bwo 'gukizwa n'urupfu rwanjye ku musaraba' bwari butandukanye n'ubutumwa nahaye abo twari dusangiye ubwenegihugu muri Palestina. Yakomeje umugenzo gakondo wa Kiyahudi wo 'gutangaho undi igitambo mu kwishyura ibyaha umuntu yakoze'. Mbega ubugwari buteye isoni! Nyamara Pawulo yatanze umusanzu uhambaye ku nyokomuntu, kubera ko yatangije urugendo rwo guhesha amoko yose umugisha ungana. Yerekanye umurongo w'ibitekerezo n'imyitwarire ya buri muni bituma haba ubusabane mu buzima bw'abagerageza gukurikira inyigisho ze. Brw9/24

Birashoboka ko Abayahudi bakurikiza gakondo bazongera bagasakuza bamagana ibyo mvuga, ubu bwa kabiri ngarutse, ntibazihanganira ukuntu mpora ngaruka ku mugenzi wa Kiyahudi wa kera wo gutamba inyamaswa n'inyoni mu Hekaru ngo bashimishe Imana kandi baronke imbabazi z'ibyaha, ariko ibyo bavugaga byose, birazwi mu mateka ko Hekaru yari ahantu hatambirwa ibitambo bitwikwa, kandi umunuko wabyo warerembaga hejuru ya Yeruzalemu. Kandi icyo gihe cyose nari nzi ko inyubako ya Hekaru yari ishingiye ku mugani, igihimbano cyaturutse mu mpimbamashusho ya muntu, ingirwabwenge y'icyo gatekerezi ya muntu itashoboraga kumva mu buriywe bw'umwuka. Brw9/25

Nari mpari! Nakandagije amabuye ashyushye sandali z'ibirenge byanjye izuba rincanye ku mutwe. Nagiye impaka n'Abafarizayi, nihanganira nisekera inkwenene n'ubushinyaguzi bwabo, ndabitegereza mu gihe bigishaga imibereho ikurikije amahame aremereye, no kwumvira ubudahwema umuco karande udafite agaciro werekeye ibyo kurya no kunywa bidafite akamaro na busa! Brw9/26

Nari mpari! Rimwe na rimwe, ukwisekera kwanjye kwakongezaga ikibatsi cy'ubushuma mu mutwe wanjye ngasubizanya Abafarizayi urwenya rusesengura imyifatire yabo bwite, imyenda yabo igamije kwibonekeza n'amategeko yabo, rusa n'urwo banyerekaga jyewe n'inyigisho zanjye. Brw9/27

'Ni igicucu!' ni ko bavugaga baseka iyo navugaga nti: 'Ubwami bw'Imana buri muri mwe'. Brw9/28/

'Ngaho tubwire – 'Imana' yashobora ite kuba mu muntu?' ni ko basakuzaga bankwena. Brw9/29

Bakoresheje urukuta rw'ingingo zirimo n'agasuzuguro, batondaguraga abahanuzi bakagereranya ibitekerezo byabo kuri '**Yehova Ushoborabyose**' n'ibyanjye mvuga '**Data**' utagorana 'wanitaga ku nyoni'. Bakabaza bati ese ibyo byashoboka bite, ko inyoni zahoraga zitangwaho ibitambo bitwikwa muri Hekaru kugira ngo zishyure ibyaha by'abantu? Musa yashoboraga ate gushyiraho uwo mugenzi mutagatifu niba inyoni n'ibikoko byari bifite agaciro mu maso y'Ushoborabyose? Brw9/30.

Narakomezaga nkituriza mu gihe banyamaganaga n'amagambo akarishye. Nta kindi bari bafite cyo gushyigikira ingingo zabo usibye umuco karande wa kiyahudi – naho ubwenge bwanjye bwari bwaracengewemo n'ubumenyi bw'ubuzima nyirizina mu gihe nari ndimo murikirwa mu butayu. Nari narahawe kumva ubuhuzahose n'uburemyi bw'UBUGWANEZA bwa **'Data'** bwanshobozaga kumva no gukora ibintu Umuherezabitambo Mukuru, Umufarizayi, Umusaduseyi cyangwa umwanditsi batashoboraga kuzapfa bakoze. Brw9/31.

Kubera ko numvaga kamere **y'ISOKO Y'UKUBA**, nashoboraga, ndashidikanya, gushyira ibiganza ku muntu wamugaye agasubira uko yari ameze. Ni nde washoboraga kugereranya ubwo bumenyi n'amategeko karande adafite ishingiro y'Abaherezabitambo? Abaherezabitambo n'Abafarizayi kimwe n'urucukirane rw'abanyamadini bari bazi ko nta n'umwe muri bo washoboraga gukora ibintu nk'ibyo – kandi kubera iyo mpamvu, baranyangaga kubera guhangara ubutegetsu bwabo, bakanyangira imbaraga nagaragazaga imbere yo kundwanya kwabo, kandi bakanyangira ko nakururaga imbaga z'abantu iyo habaga habaye ikizwa ritashoboraga guhakanwa. Brw9/32.

Byabaga byakozwe ku mugaragaro, bose babireba – igikorwa cy'urukundo Abaherezabitambo bemezaga ko nta wundi wabikora uretse Imana, ko rero nagombaga kuba ndi umwana wa Shitani! Ikindi kandi ntibabonaga ikizwa nk'igikorwa cy'urukundo ahubwo babifataga nk'igikorwa ntukamana kidasobanutse cyo kwigarurira umurimo w' 'Imana' – bandegaga ngo 'kurata' ububasha bwanjye bwa gipfumu ariko ntibashobore kumbwira ukuntu naje kugira ubwo bubasha bw'amayobera, noneho bakemeza ko ngomba kuba ndi umwana wa Berizebubu. Brw9/33.

None ubwo maze gusobanura ibintu uko byari bimeze, byagombye kubagaragarira ubu, mwe murimo musoma aya mabaruka – nk'uko byangaragariraga neza cyane icyo gihe muri Palestina – ko urwego rwose rw'ubuyobozi bw'Idini rya Kiyahudi rwari rugizwe n'abantu bihugiyeho, bibwira ko bakomeye, barwaye mu mutwe, batunzwe gusa n'amabwiriza n'amategeko. Iyo byabaga ngombwa ko bakoresha gatekerezi zabo, ubwonko bwabo, ntibashoboraga kubihangara, ahubwo bafatwaga n'imbamutima zirenze urugero no kwitwara nk'abasuzuguye bikabije. None se byari bitangaje ko igihe banjyanye imbere y'inama yabo, nagumanye amahoro yanjye nkanga kugira icyo mvugana na gatekerezi zifunze bene ako kageni? Brw9/34.

Yego, nari koko muri Palestina, hashize imyaka 2000. Nabanaga n'abantu basanzwe, abagore n'abagabo, bigishijwe gutinya Yehova mu buryo bugaragara; bari barasabitswe no kwishyura ibitambo bitwikwa ho impongano z'ibyaha byabo. Narezwe, ncegezwe ubwoba bwa Yehova – ariko nari naravukiye kuvana Abayahudi mu bitotsi byabo birebire mu migani na za balinga – kugira ngo mbature umuzigo w'amateka y'intambara n'ubwicanyi, y'intugunda n'isubiranamo, yo gushaka guca umutwe ngo ni uko umuntu yavanywemo ijisho, yo gucumura rwihishwa mu ibanga ntibiryoze impongano iyo uwabikoze atabaga yavumbuwe. Iyo yatahurwaga,

uburemere bwose bw'Amategeko ya Musa bwamumanukiraga ku mutwe nta mbabazi nta n'impuhwe, nta no kwibaza na gato ibyerekeye intandaro nyakuri y'icyo cyaha. Brw9/35

Kubera ko nari naravutse mfite ubutumwa bwo gufungurira gatekerezi n'imitima by'Abayahudi **Ikirukuri** cyari cyarabahaye ubuzima n'ukuba, no kuva nkiri muto cyane namaganaga inyigisho za Kiyahudi. Muri jye, akabanga kimbitse ka bavukanwa nyaroho kidugumbyaga ku mugambi ushaje wa Kiyahudi wo kugereka ku kindi kinyabuzima uburyozwe bw'imyifatire mibi cyangwa ibyaha umuntu yakozwe. Ndetse n'ikindi kiruseho, sinashoboraga kwemera ko 'Imana' bavugaga ko yaremye isi ihimbaje gutyo, yajyaga gukura ibyishimo mu bitambo bitwikwa by'ibyo yari yariremeye ikabihundazaho ibisagirane. Brw9/36.

Nasangaga bidashoboka kubahiriza ibyemerwa n'imigenzo ntabwenge ako kageni. Nyuma y'imurikirwa ryanjye mu butayu narashishikaye mu kwamagana imigenzo karande ya Kiyahudi. Brw9/37.

Neza neza nk'uko naje mu mubiri w'umuntu, hashize imyaka 2000, gukiza igihugu cy'Abayahudi umutwaro w'inyubako y'imigenzereze mihimbano y'idini, ni ko nanyuze muri aya **Mabaruwa** ari mo asakazwa ku isi, kugira ngo nerekanwe ku buryo butomoye ko 'idini rya Gikirisitu' ritagaragaza na busa ubutumwa nyakuri bwanjye **KRISTU**, yaba uko nabwigishije muri Palestina – cyangwa muri iki gihe turimo, igihe aya **Mabaruwa** azavumbura uburakari n'iyamagana bizaturuka ku 'Bakirisitu' bakurikiza amategeko. Idini rya gikristu uko rihagaze ubu, ni uruvangitirane rudasobanutse rw'ibitekerezo by'abigishwa banjye bagiye **bashungura** mu byo bibukaga, inyigisho zifite agaciro za Pawulo, hamwe n'izindi nyandiko za kera. Brw9/38.

Hashize igihe kinini, igihe Ubukristu butari bugishobora kwishingikiriza ubugaragare bw'ibigirwamana gabo na gore by'Abanyaroma, bwifurebye 'ikinamico' ridafite agaciro ariko ry' 'igikoresho' cyo gutangaza abo Mpatsibihugu ishingiyeye ku idini ya Roma yashakaga gukurura mu bayoboze bayo. Iyo mpatsibihugu yaje kugereka kuri rubanda rubeshyeka umutwaro w'amafaranga urushije akarengane imisoro Mpatsibihugu y'Abanyaroma idashingiyeye ku idini yagerekaga ku bihugu by'ingaruzwamuheto. Na Kayizari ntiyigeze asaba roho inyishyu yo kwinjira mw'ijuru! Brw9/39.

Mushobora kwibaza impamvu nerura gutyo mu kwamagana idini 'rya Kiyahudi n' 'irya Gikristu'. Ni ngombwa, kugira ngo isakazwa ry'**UBUTUMWA NYA-KRISTU** bwanjye rigere ku ntogo, ko abantu babasha kumenya byuzuye kamere nyayo y'amadini yifatiye inyokomuntu mu nzara zayo kugeza mu kinyejana cya makumyabiri. Igihe cyose bazaba batarikorakorera fondasiyo za baringa bashingiyeho imyemerere yabo yose, abantu bizabagora kurekura ibyemerwa byabo bakundwakaje. Brw9/40.

Mumbabarire mwumve ko iyo mvuze ibyo mba mvuga 'idini rya Gikristu', 'inyigisho z'ukwemera', 'amahame n'ubuvugamana'. Ntabwo mba mvuga za roho zisumbuye mu

by'umwuka, zashatse kandi zikomeza gushakashaka Imana n'Ukuri hirya y'amahame n'ibyemerwa. Nyinshi muri zo zakiriye impumeko yanjye muri gatekerezi no mu mitima, ariko zikagira ubwoba bwo kurekura ibyemerwa byazo zikundwakaje. Bazitirwa n'imigenzereze y'idini. Igihe cyarageze cyo kurekura iyo migenzereze no gukura mu bunyaroho² no mu ibonunumva ry'**Isoko** yabo nyakuri **y'UKUBA**, kandi bakajyana n'imiryango y'abayobohe babo. Brw9/41.

Kuri za Kiliziya 'Nkirisitu' za buri torero, ndavuze nti 'Nimukanguke'. Brw9/42.

Igihe cyageze ngo mwikangure mwebwe ubwanyu muve mu bitotsi bidasanzwe birebire, aho inyurabwenge yahanaguwe n'imigenzo karande irangwa no gusinziriza kandi yuzuye amarangamutima. Iyo migenzo yakomeje guhererekanywa mu binyejana n'uruhererekane rw'abantu biyita ubutegetsu bw'ikirenga ku byerekeye ibyo nigishije muri Palestina. Ntimugire ubwoba bw'inkurikizi nimuramuka musuzumye ibyemerwa byanyu bishaje mukiyemeza kubyunyuguza mu bwenge bwanyu. Nimwikize indandi za balinga kandi – MUTEKEREZE! Brw9/43.

Abavugabutumwa 'bakirisitu' nibemera ko **Jyewe, Kristu**, nagarutse koko kubwira abantu ku bwisanzure bw'isi 'nk'umurabyo urasa kuva mu Burasirazuba kugera mu Burengero bwaryo', kandi bakaba biteguye kwigisha ubutumwa bwanjye nyabwo mu ntebe y'amahame – muzasanga kiriziya zanyu zongera kuzura abantu banyotewe no kubona no gushyikirana n'**Ikirukuri** kizabageza ku kubana mu busabane busesuye n'**UKURI kw'UKUBA** kwabo. Ku rundi ruhande, mwebwe abigisha b'idini mukomeza kwigisha nkana kandi mu bwikunde bwanyu amahame y' 'Ubukristu' kugira ngo muramire 'ibyubahiro' n'imishahara yanyu, muzabona idini ryanyu ripfa urw'ikirago mu myaka mironko itatu iri imbere, kandi muzatereranwa n'abayobohe banyu batangiye kumva ko amagambo zanyu ari urunwa gusa – atifitemo ubuzima nya-roho na busa. Brw9/44.

Muzabona kiriziya zanyu zigarurirwa n'ababonye ko Jye, ubwanjye, nagarutse koko nsanga inyokomuntu ngo mbereke inzira yo kubona no kwinjira mu 'Bwami bw'Ijuru'. Brw9/45.

Hari n'abandi bazumva imyanya yabo y'ubutegetsu ibangamiwe n'aya **Mabaruwa ya KRISTU – anturutseho**. Bazayarwanya bivuye inyuma. Hazabaho iharabika ry'ubwoko bwose binyuze mu gukoresha buri bwoko bw'itangazamakuru – bikorwa n'abantu batagira isoni mu guhembera umujinya wa rubanda ngo bigwizeho amafaranga mu ikabirizankuru risenya kandi rigambiriye gukomeretsa. Brw9/46.

Ngomba kubabwira ko, uko urusaku ku bwisanzure bw'isi ruzagenda rwiyoungera, ari ko **Amabaruwa** yanjye azarushaho kwihuta mu gushyikira no kwemeza abamaze kurambirwa ibyemerwa bishaje ko noneho bumvise **UKURI** kutaziguye **kw'UKUBA**. Bazitabira vuba na bwangu urukundo rwako n'umuhamagaro wako wo kurenga

² spirituality

imbariro zo hasi z’ibonunumva nya-muntu ngo batangire bazamuke bagana mu mbariro nya-roho zisumbuye, aho bazatangira kwiyumvira ibuganzwamo rya mbere ry’ihumure no kunyurwa. Brw9/47.

Hazaba ishyamirana mu nganda zishinzwe ibitaramo, kubera ko abantu barushaho kwiyoungera bazabona neza – kandi bagahagurukira kurwanya – urugomo n’iteshwagaciro byakoreshejwe n’IBIRIMARIMA byimirije imbere kwishakira indonke mu kugaburira ibonunumva ryabo ryose rya gatekerezi, amarangamutima n’umubiri. Abo barwayi nya-roho bo mu mutwe basobanukiwe ukuntu ikibi n’iyicarubozo bikurura amatsiko y’injiji zarenzwe umutekano, ubutengamare n’iraha byo mu kinyejana cya makumyabiri ku buryo bitakizinyura. Zikeneye akantu kazicamura kugira ngo zikabure ibonunumva ryazo ryarendegeye. Brw9/48.

Iyo ubuzima bw’abantu bujya kuba amahano nk’uko bishushanywa mu bitaramo bareba buri muni, bajyaga kuzibukira ingaragazi zabo bashakisha ikintu cyaba cyiza kandi cyahumuriza ngo baruhure urwungano rwabo rw’imyakura y’ubwonko rwishwe urubozo. Kandi nyamara, nimutekereza nta buryarya ku mibereho yanyu y’ubu, muzabona ko igenda ihinduka ishusho ndorerwamo iteye igishyika y’ibyo inganda z’ibitaramo zabahaye mu myaka 50 ishize. Brw9/49.

Abantu bagaburiwe amakinamico akabije ubugome muri senema, TV, ibitabo, n’ibitangazamakuru by’ikabyankuru, none barimo baritotombera ko banyazwe icyiyumvo cy’umutekano bari basanganywe. Ndabaruzi ku isi, mwifungiranye inyuma y’inzitiro z’amashanyarazi, inkuta ndende zishinyitse amacumu, murinzwe n’abanyamutekano na bo ubwabo bica bugambanyi abo bashinzwe kurinda; nduzi abagabo n’abagore bagendaga nijoro nta bwoba mu mihanda y’imijyi n’inzira zo mu cyaro, none ubu bakaba bifungirana inyuma y’inzugi zirinze – batinya ibitero simusiga biteye ishozi. Nduzi amoko ahahamurwa n’abo basangiye igihugu. Nduzi itsembabwoko, impinduramatwara, ibisasu biturika, ubuhotozi, ubwicanyi bunyuranye budafite impamvu. Abishwe bagaruka mu buzima bwabo bukurikira bagihahamuwe n’urupfu rwabo rwatunguranye. Ndababona nkabafasha – iyo bashoboye kumbona no kunyakira. Abantu benshi cyane ntibarakera na gato kuzamuka mu iforoma y’imibereho yisumbuye, bityo baguma mu myijima kugeza babohowe no kongera kuvuka. Ubuzima bwo ku isi bwahindutse umuriro utazima mwerekana ku ngaragazi zanyu no mu buvanganzo. Kubera iki? Kubera ko ‘umuco’ wanyu muvuga ko wateye imbere utuma ihohotera mu bugome bushoboka bwose ryanjira mu mazu zanyu rinyuze muri TV ngo ribakirigite kandi ribakabure. Mwarabishatse – none ngaha mwarabibonye mu maforoma yabyo akabije ukuri – mu buzima bwanyu bwa buri muni. Nta n’umwe wakingiwe ayo mahano mwikururiye. Brw9/50.

None murimo muratangazwa n’uko **Jyewe, Kristu**, nagarutse ubu kugira ngo mbasobanurire ayo mwikoreye ubwanyu? Brw9/51

Byashobokera bite uwo ari we wese wahindutse umubiri nya-roho w'**URUKUNDO** kuguma kure y'isamba rya roho nk'iryo, no kunanirwa gutabara igihe ubufasha bushoboka? Ni yo mpamvu, nk'uko nabivuze mbere, ntari jyenye ku murimo wanjye. **Mba mvugira buri Mwigisha iyo mvugira muri aya Mabaruka.** Brw9/52

Buri Mwigisha afasha abakurikira inyigisho ze zo ku isi. Buri mwigisha arimo arasaba abayoboke be gusoma, guha agaciro no gusenga kugira ngo bacengerwe n'UKURI kuri muri aya mapaji no kwihatira gusukura ibitekerezo n'ibikorwa byabo ngo bahinduke ukwigira umuntu kw'urukundo rwa bese. Brw9/53

Ariko aya mabaruka azabimbura Igihe cy'Impinduka. Brw9/54

Igihe abantu bazakangukira ibyakorewe ibonunumva ryabo, ku isi yose, n'abanyamafaranga buzuye irari, batagira isoni kandi bataye ibara, bazagira uburakari bukabije. Rubanda bazatangira kubona neza uburyo buhishe kandi bubisha bashowemo gahoro gahoro mu mitego y'agahomamunwa. Brw9/55

Kandi **Jyewe, Kristu**, mbabwiye ko umunsi ibyo byabaye, muzasanga ijamba 'agahomamunwa' atari ijamba rishaje ryacyuye igihe. Muzabona neza itandukaniro hagati y'amaforoma y'ibonunumva – amagambo – azira umuze kandi atanga ubuzima, n'amaforoma y'ibonunumva kimbuzi. Brw9/56

Muzagumuka kandi mu gihugu cyose mwite agahomamunwa 'amaforoma y'ibonunumva' kimbuzi. Brw9/57

Ababyeyi bakangutse kandi bakunda by'ukuri bazatera by'umwihariko hejuru bamagana imiterere y'ubu y'ibitaramo, babuze abana babo gukomeza kureba ubushanguke bw'imvugo mbamutima idashimishije, urugomo rutagira rutangira, n'imibonano mpuzabitsina y'uruvangavange kandi y'imburamutima mubona ubu ku ngaragazi zanyu, mu bitabo no mu bitangazamakuru. Sosiyete yanyu yamunzwe na bene ibyo bihangano by'ibonunumva ryo hasi kandi risuzuguritse bicengezwa mu buzima no mu bikorwa bya muntu. Brw9/58

Ababyeyi bazanagere aho babone ko, kubera ko **AMAFOROMA Y'IBONUNUMVA** yaremwe muri gatekerezi z'abana babo ari ryo shingiro rigenda ryaguka ry'ubuzima bwabo mu gihe kizaza nk'abantu bakuru, bazatangira **gukurikirira hafi INDANGAGACIRO Z'IMYITWARIRE zigishwa mu mashuri.** Ababyeyi ntibazaba bagikomeza kumva barebwa n'amadini yigishwa mu ishuri, kubera ko ibyo by'amadini bizaba bigishishikaje mbarwa, ahubwo bazashishikazwa cyane na filozofia igenga ubuzima, imyifatire, impaka, ubushyamba, ibivugwa, bishyigikiwe cyangwa byihanganirwa n'abarimu kimwe n'abanyeshuri mu mashuri yo mu gihe kizaza. Brw9/59

Abantu bazishyira hamwe bashinge udushuri duto tugendera kuri aya **Mabaruwa** kuko ibikoresho bifatika bishaje bazabifasha ku ruhande nk'ibyacyuye igihe. Bazibanda cyane ku ndimi, ubugeni, inyurabwenge, ubugeni bwo gushyikirana buhamye kandi burimo inama, iterambere ry'impimbamashusho y'ubuhanzi kandi yubaka, imibare na siyansi, hamwe n'imirimo y'amaboko. Brw9/60

Integanyanyigisho zizibanda ku guteza imbere ubushobozi bwo gutandukanya ukuri n'umugani, kubona neza indangagaciro nyamukuru zigomba gukurikizwa zigatsimbararwaho, n'uburyo bwo kuzikoresha mu buzima busumbye ubundi kubaka no gutanga umusaruro, bukagirira akamaro umuntu ku giti cye, igihugu, n'isi yose muri rusange. Umwana kandi azigishwa kuba inzobere mu bumenyi no mu bukorikori bumushoboza gukorana ibyishimo n'umusaruro mu byo yahisemo gukora. Abana bazerekeerwa bitaweho mu mwuka mushya no mu rukundo, kandi berekwe uburyo bashobora gufasha kurema bene uwo mwuka n'urukundo mu mashuri yabo. Bazashishikarizwa gukorana ibyishimo n'umunezero. Nibitizana, umwana utishimye azerekwa ukuntu ibyishimo n'umunezero bishobora kugerwaho, ahabwe igihembo nabigeraho. Brw9/61

Abantu bazahabwa agaciro hakurikijwe imbaraga bashyira mu gushakisha inzego zisumbuye z'igitekerezo nya-roho, n'ubwitange bwabo mu gukorera inyungu z'abatishoboye n'imiryango muri rusange. Brw9/62

Ni ibintu byihutirwa cyane ko abantu ku isi yose bemera ko UKURI ari ko mwavukiye guha isura yihariye no kugaragaza IMPUZAHOSE – ISOKO y'UKUBA kwanyu – mu buryo bugenda bukura kugeza ku gasongero k'igaragaza RYIHARIYE ry'ISOKO Y'UKUBA kwanyu - IBONUNUMVA RYA KRISTU. Brw9/63

KANDI mwanaremewe kwitabwaho, kurerwa, kuzurizwa ibyo mukeneye byose kugira ngo mugire ubuziramuze, ubutengamare, gutunga no gutunganirwa mu rugendo rwa roho yanyu rugana kongera kunga ubumwe gatozi n'Isoko y'Ukuba kwanyu – Ibonunumva Nya-mana. Brw9/64

Kugeza musobanukiwe n'uku **KURI kw'UKUBA**, ntumuzigera na rimwe murambura ubushobozi nyakuri bwanyu, haba mu byerekeye ibintu, haba mu byerekeye roho. Brw9/65

Nta gihugu, nta muryango w'iyobokamana, kandi nta muntu ku giti cye, uko yaba atekerezwa kose ko ahanitse kimuntu, uzashobora gutesha umwimerere ibikubiye muri aya Mabaruwa kubera ko

Jyewe – KRISTU

- ndimo narasiriza UKURI kw'UKUBA ku isi yose kuri buri wese uri ku rubariro rw'inkurikirane nya-roho zimushoboza kwakira UKURI. Bene abo bantu bazaKWAKira, baKUbahirize, kandi baKUgire ukwabo byuzuye, nta

kuguna, ngo kubabere imirongo ngenderwaho bwite y’ibitekerezo n’ibikorwa byabo. Brw9/66

Niba hari abadashobora kumva cyangwa kwakira Amabaruwa, bizaterwa gusa n’uko batarazamuka ku rubariro rw’ibonunumva ngombwa kugira ngo bashobore kuyiyumvamo. Imikurire yabo izaza nyuma. Brw9/67

Ni yo mpamvu mbwira abataragera mu buzima bwiza navuze ko ari ubwanyu ku **BUSHAKE bw’Imana** nti ntimwibaze ikitagenda mu buzima, mu bantu, mu bintu uko bimeze cyangwa muri mwe. Brw9/68

Murebe mu migendere y’igitekerezo cyanyu bwite, uko mwakira ubuzima muri rusange, uburyo mwiyumva imbere y’abandi bantu, n’imbere yanyu ubwanyu, maze mutahure ubwoko bw’ibitekerezo – n’ibitegerezo – mukunda kwishoramo. Ibyo ni byo birema ingufu z’umurego w’ibonunumva riremana ububasha ribasohokamo umunsi wose. Rizabakururira neza neza ibyo mutinya cyangwa mwiteze. Rimwe na rimwe iforoma y’ibonunumva riremyi njarupfu iba itabitse kure mu mbanziriza-bonunumva yanyu, yarashinzwemo hashize imyaka bitewe n’ibintu bimwe na bimwe mwabayemo. Cyangwa se mushyiguzi y’ibonunumva riremyi njarupfu ishobora kuba yaraturutse mu buzima bwabanje. Ibyo ari byo byose, niba warakomeje guhura n’ibihe bibi, suzuma imimerere yawe y’imbere mu ibonunumva, utahure ubwoko bw’ibitegerezo njarupfu byasabitse imbanziriza-bonunumva yawe. Utahure kandi uburyo wifata n’uburyo wiyumva imbere y’abandi bantu? Brw9/69

Ese ubaho ku buryo butsitse mu njyana y’Amategeko agenga Imibereho? Ese ugaragariza ‘urukundo rutagira ikigombero’ kuri buri rwego rw’ubuzima bwawe – buri icyo ari cyo cyose mu bunararibonye bwawe? Ese ushobora kubona ‘urumuri rwa roho’ mu binyabuzima byose – cyangwa wibonera gusa irari rya jye-babona yabyo – umwijima wabyo? Brw9/70

Ese uzi ko abantu wamagana cyangwa ujora, Jyewe, - Kristu – mbafitiye urukundo rw’ikirenga n’impuhwe mu bihe byose? Abo ushobora kuba wamagana, mbarasirizaho urukundo rwanjye rutagira ikigombero. Brw9/71

Uhorane muri gatekerezi, ko **ISOKO** yanyu **y’UKUBA** iba mu mirere ibiri – mu **buringanire** no mu **bukozi**. Brw9/72

Ubukozi bw’ISOKO yanyu **y’UKUBA** ni rwo rwego mwasamiwemo kandi mugahabwa ubu-giti. Brw9/73

UBURINGANIRE bw’IBONUNUMVA MPUZAHOSE ni urwego rw’ubucece n’umutuzo nta makemwa, aho **MUSHYIGUZI** shingiro **z’UBUREMYI** zihambiranye mu muhoberano uzijishanya. Brw9/74

Iyo mumenye byuzuye, mukakira, mukumva ko muri buri 'gihe cy'amasomo mu ishuri ryanyu ryo ku isi', iteka muba mufite icyanzu cyo kugera ku 'Bwenge Nya-Rukundo Nya-mana' bukemura buri kibazo mu buryo butagira amakemwa, muzamurwa hejuru y'aho igishyika n'agahinda bishobora kugera. Brw9/75

Mukemura ibibazo byanyu bwangu kandi nta makaraza, kandi mukabona ko ikigega cyanyu bwite cy'ubuhanga n'ubumenyi kigenda kiyongera mu buryo bwinshi bunyuranye. Brw9/76

Muri ubwo buryo, mugenda mutera imbere kuri buri rwego rw'ukuba kwanyu. Brw9/77

Mu gihe intego yanjye mu kubasanga nifashishije aya Mabaruka yabaye iyo kubereka inzira yo kubaho mu busabane n'**Amategako agenga Imibereho**, kugira ngo mbafashe kwirinda ububabare butari ngombwa, inzitizi n'ubukene biterwa no kutamenya **Amategako**, ndanashaka gusharaga mu ibonunumva ryanyu ko buri wese hari injyana agomba kunyuramo mu buzima bwe. Buri wese anyura mu bihe byiza iyo umuvumba w'umugisha ubazaniye ibintu byose mwifuje, maze mukajya mu bushorishori bw'umunezero n'intsinzi bya muntu. Mukishima cyane! Hanyuma injyana y'ubuzima ikagira itya igahinduka, umutungo ugakama, imibanire ikagorana kandi igatakaza ireme, akazi kagacurama, cyangwa hakaduka inzitizi zibadindiza igihe kirekire. Mushobora kwibaza ikosa mwaba mwarakozze. Mbere mwakoranaga intsinzi mu **MATEGEKO y'IMIBEREHO**, none ubu hari ingorane za buri muni, kandi nta na kimwe mu byo mutekereza cyangwa mukora kiborohereza by'ukuri umuhangayiko w'ubuzima bwanyu bwa buri muni. Brw9/78

Igihe - niba – ibyo bihe bigushyikiye – Tuza ugire amahoro mu mutima no muri gatekerezi – umenye ko ubuzima n'icyerekezo ukibikomora ku Ibonunumva Nya-mana, n'ubwo ibigaragara bibivugurura, n'ubwo bigaragara ko wagirijwe. Muri bene ibyo bihe, ni ngombwa kwiherera ugatahura inzira waba waranyereyemo mu ibonunumva igihe wari umerewe neza – hanyuma ugakaza gutungwa n'Ibonunumva Nya-mana. Brw9/79

Ibyo bihe byijimye byo gucika intege bitariho, ntimwashobora gukura mu gihagararo nya-roho. Bibafitiye ubutumwa bwihariye, rero ntimuhe urwaho ukwiheba cyangwa umushiha. N'ubwo mwaba mwumva nta gatege, iki ni igihe cyanyu cy'imbeho y'ubutita cy'ukwitahura n'ukwivugurura ku mutima bizarangira kigaragaje ko kibabereye umugisha uruta uwo bya bihe byanyu by' 'ubushorishori' byigeze biba. Nimugire ubutwari kandi ntimutakaze ukwemera. Nimukomeze mwihanganye kugeza ubwo igihe cy'ubutita cyongera guha umwanya agasusuruko nya-roho kanyu. Brw9/80

Ntimurambirwe kwirekura no gutegerezanya icyizere igihe Ubuzima Nya-mana buzongera gutemba muri gatekerezi, umutima n’ubuzima bwanyu bwo ku isi, kandi n’ibyo mwari mwarifuje byose bigatangira kugaragara mu bunararibonye bwanyu. Kandi muri icyo gihe cyose, mumenye kandi mukomere kuri iki, ko niba mutakibona-muniyumvamo umuvumba w’Ibonunumva Nya-mana mu bihe byanyu byo kwimanukamo, atari uko mwatereranywe, ahubwo ari ukubera ko imivumero mpuzahose yanyu bwite – rero imivumero y’ibonunumva bwite ryanyu - iri ku rwego rwo hasi bituma mutagishobora kuzamuka ngo mugere aho mwumva imivumero y’Ibonunumva Nya-mana nk’uko mwabikoraga mbere. N’ubwo mudashobora kuyumva, mukomeze kwizera ko iteka muyifubitswemo no mu RUKUNDO RW’IMANA. Brw9/81

Ndashaka kandi kubibutsa no gusharaga mu ibonunumva ryanyu ko igihe abarusha abandi ubukene mu bantu bazashobora kumva kamere nyakuri y’inkomoko yabo kandi bagashobora gukoresha ubwo bumenyi, bazashobora kwivana mu mikoki yabo bakazamuka ku ntera iyo ari yo yose bazihitiramo ubwabo – bapfa gusa, buri muni, kwicomeka ku **ISOKO Y’UKUBA KWABO**, bagakogota ku **Bubasha bwayo butagira iherezo, ku Buzima bwayo, icyerekezo cyayo, imurikirwa n’inama zayo. Brw9/82**

Ntabwo muhohoterwa na sakindi – muzira ibonunumva riremeye ryanyu bwite kugeza ubwo muzumva neza ko ibonunumva ryanyu ribumbwabumbwa byuzuye namwe ubwanyu. Igihe uko Kuri kuzuye ikuzo kuzarasiriza mu ibonunumva ryanyu, muzatangira guhindura icyerekezo cy’ubuzima bwanyu, bizarangire mutahuye ko mushobora gukorera kuba Umwigisha no kugera ku bwisanzure busesuye mu **IBONUNUMVA NYA-MANA. Brw9/83**

Mugerageze kwibuka ko, mu bushakashatsi nya-roho bwanyu, intego yanyu yagombye kuba guhamya uko mushoboye inkurikirane zanyu z’ibonunumva mu mibonere nya-roho isumba iyindi. Ibyo ni ibintu bikomerera cyane gatekerezi ya muntu, kuko ishishikarirana inkubiri amaforoma mashya y’ubukaburwe nya-roho/nya-gatekerezi aho ari ho hose amatsiko asembuwe. Brw9/84

Ariko ngomba kubahamiriza ko bidahagije gusoma aya Mabarurwa ngo hanyuma uhindukirire ibindi bitabo, wizera gutahura ukundi kuri kwaba kwisumbuye, kwaba kurushijeho guhumekerwamo. Brw9/85

Jyewe, Kristu, ndababwiza ukuri ko nta kuri kwisumbuye cyangwa inzira irenzeho mwabona muri iki gihe. Brw9/86

Rimwe na rimwe mushobora kwibwira ko hari igisumbyeho mwabonye, kubera ko ku rwego rw’ibonunumva nya-muntu mugezeho mushobora gushyikirana n’ibyanditsemo ku buryo burushijeho kuborohera – nyamara mufate ko UKURI NYA-ROHO

KW'IMIBEREHO ari bwo BUMENYI bwonyine buzabageza amaherezo ku IBONUNUMVA RYA KRISTU, ryo herezo nyakuri ry'inzira yanyu ryonyine. Brw9/87

IBONUNUMVA RYA KRISTU ni ryo bonunumva nya-roho ry'Abigisha bakuru bose. Nta ririsumba ribaho. Kugira ngo mwongeeze imyumvire yanyu, mushobora gushaka bene abo banditsi biboneye ubwabo kandi bakurikiza ibyanditse muri aya Mabaruka, ariko ntumujye mu nyuma z'abagikurikira abandi banditsi, bakishingikiriza abandi bahanga bagishakisha inzira yambukiranya igitekerezo nya-muntu igataha mu rubuga rw'Ukuri nya-roho – hakurya y'igitekerezo nya-muntu. Abongabo, kimwe namwe, baracyari mu myaro y'ibonunumva– ntabwo baracengera akayunguruzo nya-gatekerezi/mbamutima ngo basatire inkengero z'IKIRERE. Brw9/88

Ntimuzakurikire ba bandi bakura ibyishimo mu migenzereze ya gipfumu bakanandika ngo ku 'bitangaza' byayo kandi bagashakisha kuyibinjizamo namwe ubwanyu, bimiriza imbere gukoresha ingizi nyabifatika ngo bongeeze imbaraga mu mpande zinyuranye z'ubuzima bwanyu. Iyo mukoresha ingizi nyabifatika nk'amabuye abonerana, amatara y'imishashara, ububani, cyangwa udukoni tw'imibavu, muboneza ibonunumva nya-muntu ryanyu kuri ibyo bintu bifite igisobanuro nya-muntu kandi bibazanira kuryohereza. Bityo, bikajisha ibonunumva nya-muntu ryanyu ku 'nkurikizi' z'ibonunumva nya-muntu, bigahora bibagarura ku nzego zidakuka z'ibonunumva nya-muntu. Naho, iyo mushaka kuzamuka mu nzego nyakuri z'ibonunumva nya-roho, intego yanyu igomba kuba gucengera hanyuma mukarenga urwego nya-si rw'ibonunumva nya-muntu. Imbaraga nyakuri zonyine, Imbaraga rukabu nyakuri z'Ubuzima zikiza, zikomoka ku mushyikirano uhamye wanyu n'**IBONUNUMVA NYA-MANA**. Uko muzagenda mujya ejuru, muzahura n'inkurikirane zinoze z'ingamba nyanyenyeri, ariko ntumujyereke muri izo nzego, kubera ko icyo ziri cyo ari gusa ibigaragazo by'amaforoma nya-bifatika yisumbuye y'ibonunumva, kandi ntizagombye kuba intego yanyu nyakuri. Brw9/89

Kwiringaniza n'Ibonunumva Nya-mana no kwitegeka byuzuye ni byo byagombye kuba impamvu yanyu yo kubaho, n'itego yanyu rudori. Ibyo nimubigeraho, ibyo mwigeze kwifuzwa byose bizaba ibyanyu – mu buryo bushya, ndengakamere kandi buhoraho. Brw9/90

Mushobora gusoma aya Mabaruka mugahitamo gukomeza kwibera uko mwari musanzwe – mu ibonunumva ryanyu rya jye-babona, mwizera ko **Ibonunumva Nya-mana** rizabafasha mu gihe cy'ingorane. Ariko nshobora kubabwira ko ubuzima ubwabwo buzagera aho bukabemeza ko indi nzira iyo ari yo yose itazana ingororano roho yanyu, yihishe idakoma itegereje kubohorwa, ihangarije kugeraho, cyane cyane kwongera kunga ubumwe n'**Ibonunumva Nya-mana**. Brw9/91

Impamo iruta izindi ushobora kwiha wowe ubwawe – cyangwa guha **undi wese** – ni ukwakira ushimira, muri gatekerezi yawe bwite – no kugerageza gucengeza mu zindi gatekerezi zishobora kubyakira – imyumvire ihumekewemo byuzuye **y'uwo 'wowe**

na bo’ muri bo mu by’ukuri, n’igishobora kugerwaho nyakuri iyo ‘wowe na bo’ murekuye ugushaka bwite mukarangamira **ISOKO y’UKUBA kwanyu** muyitegerejeho ubufasha, icyerekezo no kuzurizwa ibyo mukeneye byose. Brw 9/92

Nimuhinduke Urumuri kuri mwebwe ubwanyu – no ku wundi wese ushobora kurwakira. Brw9/93

Nanone kandi, nta muntu ushobora kumva inyigisho igifu kirimo ubusa; ni yo mpamvu ifunguro rifatika ryagombye gutangwa kugira ngo rifashe imikurire ya roho n’iy’umubiri, niba murimo mugerageza kwigisha abakene. Nimugire umutima wo gutanga kandi mumenye ko iyo mutanze muba mwinjiye mu rwungano rwo ‘gutanga-no-guhabwa’ rw’impuzahose yose. Brw9/94

Ntibishoboka gutanga ngo usibe guhabwa – kereka niba wemera wowe ubwawe ko utunzwe gusa n’umushahara w’akazi kawe, konti yawe ya banki n’ibishoro byawe. Niba ari uko ubyemera, ni ko bizakugendekera. Brw9/95

Kugeza rubanda bakangutse by’ukuri, bagafungura amaso bakabona byuzuye ko bari ukwigira umuntu-giti kw’**ISOKO Y’UKUBA kwabo**, iyi ikaba ari uruvangitirane rwa **MUSHYIGUZI NTA MAKEMWA z’Ubuhanzi n’Urukundo**, bazakomeza gukururwa n’ibishuko by’ibintu, ibishimisho by’irari ry’umubiri, no kwifuza gutera imbere wowe wenyine hejuru y’abandi bose – ibyo bikaba bihera ku gufata ubutegetsu no kwigaragambya mu kazi no mu nganda, no ku kutumvikana gukabije mu mibanire, bikagera ku bwicanyi, gufata ku ngufu n’intambara. Aho ari ho hose umuntu akoresheje jye-babona ye akandamiza undi, uburakari n’amakimbirane birasagamba. Brw9/96

Iri ni ryo Tegeko rigenga Imibereho rya mbere na mbere rigomba gusakazwa ku isi yose. Brw9/97

Ni gute rero kamere muntu yagombye guhatanira umunsi ku munsi kuba mu isi isanzwe iyobowe bya kimeza n’irari rya jye-babona – icyifuzo ndakumirwa cyo kwishimisha? Brw9/98

Igisubizo kiri muri aya magambo yanjye: **‘Mukorere abandi icyo mwakwifuza gukorerwa’.** Brw9/99

Iyi ni yo ntambwe ya mbere mu kwigobotora irari rya jye-babona. Brw9/100

Igihe habaye impaka, mureke buri gice gitange ku kindi ubutabera bwuzuye. Brw9/101

Mutege amatwi – mwumve – muhe agaciro – musabe imbabazi uko mushoboye. Brw9/102

Murebe neza ko mu byo musaba mutabangamira uwo muhanganye mu kugubwa neza kwe, haba ku bimwerekeye we ubwe, ku bimushimisha, ku byerekeye induruburi cyangwa inganda ze. Brw9/103

Mwibuke ko uko mugirira abandi, ari ko bizarangira namwe mugiriwe. Mwibuke ko ibitekerezo, amagambo n’ibikorwa byanyu bya none bizambara iforoma mu bunararibonye bwanyu mu minsi, amezi cyangwa imyaka biri imbere. Rimwe na rimwe, ibyo mwabibye bishobora gufata imyaka kugira ngo bikure bitange umusaruro, maze mukazaba mwaribagiwe ibyo mwabibye. Nyamara mumenye ko ibyo mukora none byose bizabagarukira mu iforoma isa na byo, n’ubwo mushobora kutazapfa mumenye iyo sano cyangwa ngo mumenye aho bihurira. Brw9/104

Ibyo mwifuza ko abantu bavuga ku makosa yanyu, - mubivuge – kandi mubitekereze – ku makosa abandi – inshuti cyangwa abo mutazi – bashobora gukora. Brw9/105

Nimutange urugwiro n’imbabazi mwakwifuza guhabwa. Imbabazi nyakuri ni iki? Ni ukuntu wumva neza undi muntu n’impamvu z’imwitwarire ye ku buryo ushobora kuvuga nta buryarya ko nta cyo kubabarirwa gihari. Brw9/106

Ubudahemuka, ubugwaneza, ubuntu mwakwifuza kugirirwa muri mu ngorane – mubigirire abandi iyo barimo bagundagurana n’imizigo iremereye. Ntimukababere na rimwe umugongo nta mpuhwe. Brw9/107

Mwige kureba umuntu cyangwa ikibazo n’amaso ashishozanya ubugwaneza. Mubirebe uko bimeze muri icyo gihe hanyuma **mwibuke ko mbirebana urukundo rwuzuye impuhwe.** Brw9/108

Nimubona ko bakeneye koko icyabateza imbere – ari icyabagirira neza cyangwa icyateza imbere imibereho myiza yabo mu gihe kiri imbere – mubarebane gusa umutima n’amaso y’urukundo mubabone uko bashobora kuzaba bameze mu gihe kizaza. Mu bitekerezo mubajyane ku **ISOKO** yabo **Y’UKUBA** kandi mumenye ko isengesho ryanyu ryabahaye umugisha nta kabuza kandi rigafungura imiryango y’iterambere ryabo. Mureke **Ibonunumva Nya-mana** ribayobore kugira ngo mumenye niba mushobora kuganira ku byerekeye ‘ukujya mbere’ kwabo, n’ukuntu byagenda kugira ngo bakire bishimye inama bagirwa, n’intsinzi izaba umusozo w’iterambere bwite ryabo. Brw9/109

Nihagira ushaka kukubwira ko hari igihe wamukomerekeje – uhagarare cyangwa wicare utuje, **umenye** ko ari ikigeragezo nyakuri ku irari rya jye-babona yawe. Icyo ni igihe gikomeye kuri wowe – isuzumiro ryawe nyamukuru. Brw9/110

Uzabyikuramo ute? Uzabona impamvu z’urwitwazo kandi wihagarareho utekereza, ndetse uvuga ko ibyo wakoze bitakagombye kuba byarakomerekeje uwo muntu – kandi ko byari bifite ishingiro uroye uko ibintu byari bimeze? Niba icyo ari cyo gisubizo cyawe, biravuga ko ibonunumva ryawe rikiri burundu mu minwe y’irari rya jye-babona yawe. Brw9/111

Ariko niba ushobora kwiyumvisha ko watahiwe n'igihe nyamukuru cy'ukuri – kandi kubera iryo bonunumva ukabasha gutuza no kuguma hamwe uteze amatwi uburyo uwo muntu avuga uko wamukomerekeje, urimo urashobora kuganza bwa mbere jye-babona yawe. Brw9/112

Intambwe yihutirwa ikurikiyeho ni uguhigika ukomeje icyifuzo cyawe cyo kwihagararaho, maze ukagerageza gushyira umutima utaryarya ku byo nyirukuvuga arimo akubwira. Ibyo uzabishobora utihenda gusa nubasha kwiyibagirwa bihagije ku buryo ushobora kwinjira mu bucece imbere muri wowe, aho ushobora kwinjira mu gikomere cye ku buryo bwuzuye, ukumva ibyo arimo avuga kandi ukakira akababaro ke mu mutima wawe. Ibyo nubishobora, uzaba winjiye imbere mu ruhu rwe. Kandi nushobora kwinjira imbere mu ruhu rwe ukumva akababaro ke, uzashaka gusaba, ubikuye ku mutima, imbabazi z'ibyo wakoze; agahinda wateye mu bujiji, utabizi, kazahinduka akawe bwite, kandi ntuzatuza utararangiza guhanagura igisigisigi cyose cy'agahinda mu ibonunumva rye, ukoreshije amagambo y'urukundo. Uzaba wavuye cya gikomere, kandi na cyo kikazahanagurwa mu rwungano rwawe rw'ibonunumva mashanyarazi-rukuruzi. Uzaba waganje ubujyewe bwawe ku buryo budasubirwaho. Uzaba wageze ku ntera wiyumvamo imbaraga no kwihangana, ku buryo ushobora kubona utibeshya ko ikirukuri cy'abandi bantu kinganya agaciro n'icyawe. Uzaba wamenye kandi wemeye ko abandi bashobora gukomeretswa n'ibyo ukora nk'uko nawe wakomerekejwe n'abandi. Brw9/113

Numara gushyikira icyo **gihe gikomeye cy'ukuri** mu buzima bwawe, uzisanga ushobora kuyega ku buryo bukoroheye hagati yawe n'abandi, ushobora kubona ibintu uko babibona nk'uko bikorohera kubirebesha ayawe maso. Hazaba uburinganire bweruye hagati y'ibikenerwa by'abandi n'ibyawewe ubwawe, winjire mu mahoro, kuko ubu uzaba wizeye gufata abandi utabogama kandi ukoresha ubuntu bwa roho. Uzaba watangiye gukuraho inzitiro zigutandukanya n'abandi, no kubakira mu mutima wawe.

Brw9/114

Uzaba kandi watangiye kwitsa imyugariro ikurinze, kandi kubera ibyo usange urimo – noneho – kwakira agaciro nyakuri kawe n’amahoro ya gategerezi. Brw9/115

Iyo myumvire mishya y’uko abandi bamerewe izagukuzamo kububaha cyane. Uzifuza buri gihe gukorana na bo mu buryo buboneye, ubahe ibyo bagomba, utakifuza na rimwe kuburirira kuri kamere yabo nziza, utakifuza na rimwe kubashyira hasi, kugabanya agaciro bifitiye, witeguye iteka kubashyigikira no kubatera akanyabugabo igihe bari mu kababaro k’umubiri cyangwa k’umutima. Brw9/116

Uzisanga nawe urimo wikorera ibyo bintu. Uzibera umujyanama ku giti cyawe, uzibera inkingi wibere n’umukiza. Brw9/117

Uzabona buri muntu, utitaye ku rwego arimo, nk’uwo muhwanyije ikirukuri remezo, uzabona kandi ko ureshya n’undi uwo ari we wese, yaba Umwami, Papa cyangwa Perezida, kuko mu nsi y’ibigaragara, mwembi mukomoka ku **BUMWE BUGARI bw’UKUBA**. Brw9/118

Nk’inkurikizi y’ibyo, nta na hamwe uzongera kwiyumva nk’ “udakwiye”, kubera ko uzaba warateye imbere mu mbaraga no mu bushishozi bikomoka ku Ibonunumva Nya-Mana, kandi ukemera ko wowe, nawe, ufite uburenganzira bureshya n’ubw’undi wese. Brw9/119

Mu mahoro, mu ituze, ntuzemerera abandi kukurira. Uzashobora kuvuga ibyo utekereza ku buryo bwumvikana nta buryarya, nyamara witondera ibyiyumvo by’uwo ubwira. Ntuzongera gushaka gusebya undi cyangwa gupfobya ishema rye. Ahubwo uzakora ibishoboka byose ngo ubungabunge icyubahiro cyabo, nyamara uvuga ukuri kwawe mu buryo butomoye ariko bwuje urukundo. Brw9/120

Ibuka, igihe urimo ubwira undi ukuri kwawe, nta burenganzira ufite bwo kumubwira ibyo yagombye gukora mu byaba ibyo ari byo byose, cyangwa uko yagombye kwakira amagambo yawe. Brw9/121

Nyamara, umuntu wubahiriza INDANGAGACIRO MPUZAHOSE z’ubudakemwa butagira inenge, z’umurimo ukoranywe umurava, z’ubugwaneza kuri bose no gufasha abatishoboye, uwo muntu afite uburenganzira bwo gusaba ko izo ndangagaciro ziza mbere y’undi mugenzi uwo ari wo wose WAKWITABAZWA mu bikorwa by’itsinda, by’umuryango cyangwa mu mirimo y’igihugu. Brw9/122

Ufite kandi uburenganzira busesuye bwo kuvuga amarangamutima utewe n’agasuzuguro ugiriwe – **niba ubonunumva ko ari ngombwa kubigenza utyo. Birashoboka ko, mu nyungu za bose, ubudahemuka bwawe mu kwita ku bandi bwaba ngombwa mu gusubiza cyangwa kumurika ibibaye.** Brw9/123

Vuga ikibazo cyawe n’ubugwaneza – ubabwire woroheje uko wiyumva muri ibyo bihe bidashimishije, kandi usobanure icyaguteye kumera utyo. Ntukavuge ngo ‘wakoze ibi n’ibi’ atazumva ko urimo umushinja, ugahita umuvumburamo ukwihagararaho kwa jye-babona. Nyuma y’aho guhangana bizabagora kandi bibabihire mwembi. Kugira ngo ushobore gushyikirana n’umuntu wabaswe na jye-babona, ugomba kuvuga buri gihe ku buryo atiyumva na rimwe nk’ugabweho igitero. Ubwo ni bwo bugeni bwo gushyikirana mu rukundo, kandi nta kundi ushobora kubumenya usibye kugerageza bigakunda cyangwa bikanga, kandi ugahozaho. Brw9/124

Igihe cyose wigaruriye jye-babona muri wowe, ni muri urwo rugero bikorohera gushyikirana n’abandi, kuko uba urimo ushyikira imyumvire y’imikorere ya jye-babona mu bantu bose. Brw9/125

Uko igihe kigenda cyicuma, nawe ugenda gahoro gahoro wigobotora ubuyobozi bwa jye-babona, uzasanga ugenda urushaho kumva abandi n’umutima ugira impuhwe n’urukundo. Nibitwara ku buryo bwajyaga kugukomeretsa cyangwa kugusagarira mbere, uzumva ushatse guturika ugaseka. Uzamenya utyo ko roho yawe inywanye n’**Ibonunumva Nya-Mana** – kubera ko kamere **Yaryo** ari ibitwenge. Brw9/126

Igitwenge ni **mushyiguzi y’ibonunumva** isesekara mu ijuru ryanyu, ituruka ku mubumbe umwe igana ku wundi, mu Nzira y’urwererane³ kugera ku nkengero z’ubuziraherezo. Ruzirambibi nk’**Ibonunumva Nya-Mana**, inseko yavutse igihe cy’**Iturika Rubimbura**⁴. Brw9/127

Igitwenge ni iki? Ni igisubizo cyizana cy’ibonunumva mu gihe hari ibibaye bibiri, cyangwa ingwiririzi ebyiri, cyangwa abantu babiri, bitakagombye kugendana – mu murongo usanzwe w’ibintu –, bikaba bibusanyije cyangwa bishyamiranye ku buryo budasanzwe. Brw9/128

Ni ingaruka z’inkurikirane zibaho mu binyabuzima byose by’ubwoko bwisumbuye bishobora kubona no gushishoza. **Gikiza umuhangayiko**. Izo ‘ngaruka z’inkurikirane’ zumvikana mu nsi y’urubambanda rurinda umutima, n’urwungano rw’imyakura y’ubwonko. Brw9/129

Nk’uko mwabibonye mw’isuzuma rya kamere y’irema, igishoboka cyose cyarakozwe mw’iterambere ry’ihangwa n’imikurire y’imibiri ifite ubuzima ngo haremwe umubiri uboneye unogeye ibidukikije, kugira ngo utuye muri uwo mubiri ashobore kwisanzura yishimire kubaho nta muhangayiko. Umuhangayiko ni umwanzi w’ubuziramuze. Brw9/130 Brw9/130

Ubusanyije n’**UGUSHAKA kw’IBONUNUMVA NYA-MANA**. Brw9/131

Uguturika kw’ibitwenge biziyeho kandi bivuye ku mutima bimera nk’ibivubuka mu ibonunumva bigasakara mu mutwe, bikazanira koroha ibonunumva ryose. Bigakurikirwa ako kanya n’ingaruka nya-bifatika z’inkurikirane z’igitwenge, umuntu yumva nk’impumeko ivuza ingoma yoroheje ku rubambanda ngo umurego mubi wose ucike, n’igisigisigi cy’ubukarihe icyo ari cyo cyose gikurweho. Brw9/132

Rimwe na rimwe, guseka mu bintu bishimishije cyane biratinda ku buryo birangira umuntu yumva yananiwe — ariko nanone yishimye kandi anababajwe n’uko ibitwenge birangiye. Brw9/133

³ Milky way

⁴ Big bang

Abenshi bazakubwira ko ibitwenge bibyara ibinezaneza, n'iyi haba hari amakimbirane mu munota umwe ushize. Iyo umuntu ashoboye guseka nta buryarya abonye ibintu bitajyanye na gato, ahari uburakari cyangwa igikomere, umuhangayiko urashira, ubucuti bukavugururwa nk'ako kanya. Brw9/134

Igitwenge ni impano y'urukundo yahawe ibiremwa byazonzwe na za jye-babona zabyo kandi byifuza kuzigobotora. Brw9/135

Uko irari rya jye-babona rizagenda rigabanya ubukana muri gatekerezi no mu mbamutima byanyu, muzagenda mubona ko igitwenge kibizamuramo ubwacyo kikabazanira ukwiyumvamo gushimishije ko kubohorwa. 'Ingaruka-nkurikirane' y'igitwenge izamura inkurikirane z'umuvumero w'ibonunumva ryanyu, bidatewe gusa n'uko ari imbaraga zirekuriwe aho mwari muzikineye kurusha ahandi – hejuru y'umutima – hejuru y'urubambanda, indiri y'amarangamutima yanyu, ahubwo ari ukubera ko **IGITWENGE** gituruka bitaziguye mu **Ibonunumva Nya-mana**. Brw9/136

Bityo, igitwenge ni Nya-mana. Brw9/137

INSEKO n'ubwana bukurimo. Brw9/138

Uko musoma aya Mabaruka kandi mukimanukamo, n'inzego zanyu z'inkurikirane z'imivumero y'ibonunumva ryanyu zikazamurwa, muzatahura ko amaforoma nya-gatekerezi ashaje atakibanogeye muri gatekerezi. Muzashakisha inzira n'uburyo bwo kuyasuka hanze y'ibonunumva ryanyu. Uko muzamuka bunyaroho kandi murushaho kwifuza kwipakurura **mushyiguzi za jye-babona nya-muntu** mudashaka, ubushyamirane mu myiyumvire yanyu buzagenda burushaho kubaremerera, noneho mwifuze kandi musabe kuruhurwa. Muzatahura ko iyo mwerekeye **Ibonunumva Nya-Mana kandi mugasaba mushize ubute ubufasha nya-Mana, ubwo bufasha buzaza nta kabuza**. Muzigobotora ibitekerezo n'ibikorwa-ngaruka⁵ mutifuza, hanyuma mubone ko ibitwenge bigenda birushaho kwizana. Muzatahura kandi ko imihangayiko igenda ihanagurwa, kandi ko mugenda murushaho koroha mu bitekerezo, murushaho korohera abandi mu mibanire, murushaho kwita ku bandi no kubakuzza, murushaho kubonamunumva ubuzima ubwabwo n'ibyo bufite kubaha mu mibonere no mu bunararibonye. Muzarushaho kunyurwa n'ibishimisha bisanzwe, murekere aho kubahirwa, muzakenera ibiryo bike, ibitaramo bike, muzishimira kurushaho kubana namwe ubwanyu, birangire mutangira kunyurwa no **kubana namwe ubwanyu kuko IBONUNUMVA NYA-MANA rizaba ricengeza mu ibonunumva nya-muntu ryanyu imimerere yaryo ihebuje yo KUGUBWA-NEZA**. Brw9/139

Buhoro buhoro muzabe mugenda musubira mu mimerere yanyu y' 'ubwana' burebesha isi indoro y'ibyishimo n'amatsiko. Brw9/140

⁵ Re-actions

Ibyo si ubusaza. Ahubwo ni imimerere yo kuba urushijeho gukanguka no kugira ibakwe, utitaye ku myaka waba ufite. Brw9/141

Iyo ni ya 'mimerere y'Ukuba' navugaga igihe nagiraga nti 'nimudahinduka nk'umwana muto, ntimuzinjira mu Ngoma y' ijuru'. Mu by'ukuri nashakaga kuvuga ko iyo winjiye mu Bwami bw'Ijuru uhinduka umwana muto – umwana mu gutangara no kwishima. Brw9/142

Nahaye isi aya Mabaruka kugira ngo abayasoma bakayamira bizarangire babashije kwinjira mu 'Bwami bw'Ijuru' no kugera kuri ya mimerere y'ibyishimo ikomoka ku buziranenge bwa gatekerezi no ku butagoma⁶. Brw9/143

IMYITOZO NYA-ROHO. Brw9/144

Niba abantu bakubwiye kwinjira mu 'myitozo nya-roho' no 'kwishushanya' mu mutwe imimerere imwe n'imwe – umenye neza ko nukurikiza ayo mabwiriza icyo uzageraho cyonyine ari ugukomeza gushinga imizi mu rwego nya-bifatika rwa jye-babona. Impimbamashusho ntacyo ipfana na 'roho'. Impimbamashusho ni umwitozo w'ibonunumva nya-muntu ryawe bwite wagombye kuba urimo ugerageza kurenga ukoresheje kwinjira mu nzego zisumbuye z'ibonunumva nya-roho. Izo nzego ntabwo ari iz'impimbamashusho, ahubwo ni iz' 'Ikirukuri' – inzego nya-roho zisanze z'inkurikirane z'imivumero y'ibonunumva nya-roho. Inkurikirane nya-roho ni iz'Ibonunumva nya-roho Nya-Mana, ntabwo ari iz'impimbamashusho nya-gatekerezi nya-si. Bityo rero witondere uwo wakwakira nk'umwigisha wawe. Brw9/145

'Umutuzo' n' 'ubucece' bihebuje by'ibonunumva ryawe ni byo byonyine bizakingurira **Ibonunumva Nya-Mana** ngo ryanjire muri gatekerezi yawe, kandi icyo ni cyo buri wese yagombye kuba arimo ashakisha. Niba unyotewe ukaba ushaka icyo kunywa – kuki wakwihimba ishusho ko wegereye ikiyaga? Jya ku kiyaga nyirizina unywe amazi meza afutse. Nongere ngire nti impimbamashusho ntabwo ari nya-roho – ni umwitozo w'ubushake bwawe mu rwego uriho rw'ibonunumva ryawe. Brw9/146

IRONDAKOKO. Brw9/147

Kubera mwebwe mwageze aho mwumva ukuri kwerekeye 'abo muri bo nyirizina', ndashaka kubaganiriza ku kibazo cyogeye ku isi yose kerekeye 'irondakoko'. Brw9/148

Ndifuzako ko mumenya ko icyo kibazo cy'IRONDAKOKO gituruka gusa mu irari rya jye-babona ya ba bantu biyumvise nk'abasuzuguwe kandi bahejwe kubera ubudasa bwabo bushingiye ku bwoko. Iyo myiyumvire ishora byimbitse imizi mu 'bujyewe' ku buryo, n'iyi ibintu byahinduka bite bigatuma babasha gutera imbere mu buzima, ndetse bagahinduka abantu bakomeye cyane ku rwego rw'isi, hakomeza kuba ikintu cyo

⁶ Innocence.

kumva ko badahwitse, n'inzika ku bantu babateye bwa mbere kwiyumva nk'abasumbwa. Brw9/149

Byagombye kumvikana ko bene iyo myiyumvire yo gusumbwa itihariwe gusa n'amoko yirabura. Brw9/150

Iyo myiyumvire yo gucishwa bugufi bikabije uyisanga muri benshi bo mu Buhinde bashyirwa mu byiciro hakurikijwe igisekuruza cyabo, ibyiciro by'ibyubahiro mu muco w'Iburayi, no mu bihugu usanga ubudasa buhindurwa ishyano ryose mu gutandukanya umuntu n'undi. Ibyo byiyumvo biryana kandi bihungabanya byo "gucishwa bugufi" binagirwa ndetse n'abitwa ko bakomeye batumva na rimwe batekanye mu myanya yabo y'ubutegets. Brw9/151

Uko kwiyumva nk'udakwiriye n'udafite agaciro guhora gututumba mu nyokomuntu muri rusange, utitaye ku mwanya w'umuntu, ubwoko bwe, cyangwa amashuri yize. Brw9/152

Icyiyumvo cyo kubura agaciro gikomoka ahanini ku ibonunumva ryimbitse cyane ry'urwubati rwa roho rubonarunumva ko imyitwarire ya jye-babona igongana n'amabwiriza asumba ayandi y'imibireho nya-muntu. Iyo ayo matwara kamere yubatse mu muntu yo kumva nta gaciro afite akabujijwe no kuba hafi y'abandi bantu basa n'abamurushije icyubahiro cyangwa imitsindo, cya cyiyumvo cyimeza cyo kuba udakwiriye gifata intera ikabije kubabaza. Brw9/153

Uburyo bwonyine bwo gutsinda agahinda ko guhezwa kubera ubwoko, n'ubwo waba wuzuye intsinzi, ni ukugera aho bigaragara neza ko iyo hataza kuba mu by'amoko gatebe gatoki nk'izabaye, ngo habe amasuhuko, haze abanyamahanga n'abimukira bavuga indimi zinyuranye, bafite indi mico, ubundi buryo bwo kurera, kandi ngo baganze imimerere n'uburyo busanzwe bwanyu bwo kubaho, amoko anyuranye ubu ntaba ari mu myanya y'ubutegets no mu byiciro nya-si bamwe bagezeho magingo aya. Brw9/154

Ni yo mpamvu, icyakorwa cyonyine cyo gukiza no kuvugurura ubuzima ari ukuzirikana, gutekereza, gusaba Urumuri rw'Imana kuri icyo kibazo kugeza ubwo ushoboye kuvuga nta buryarya uti: 'Nyagasani, ndishimye mu by'ukuri kandi ndanezerewe ko ibyo bintu byose biteye ubwoba byabaye. Kubera byo, ngeze aho ngeze ubu, kubera byo nahawe igihe cyo kugerageza no kubona aho ukwihangana kwanjye, ubwenge, imbamutima, n'impano bigarukira. Brw9/155

Nshobora kwipima ubwanjye ku byo andi moko yageze ho – yenda ngakomeza kwiga uko nazamuka nkagera kure y'aho natangiriye. NdaGUshimira imbaraga n'ubwenge byo kwerekana uburinganire bwanjye n'undi wese – noherereje ibitekerezo byanjye by'urukundo no gushima abashinze mu myaka itabarika yashize urufatiro rw'ibyiza ngezeho ubu'. Brw9/156

Ushobora kandi gutekereza kuri iki, ko bitashoboraga kuzibukirwa, ukurikije **AMATEGEKO y'IMIBEREHO**, ko abari bafite aho bahuriye n'ubucuruzi bw'abacakara⁷ n'ayandi mabi, cyangwa babibaga agahinda n'iyicarubozo mu biremwa muntu, bagombaga kwinjira mu buzima buri imbere nk'abari mu bwoko bupyinagazwa kandi bakagira umubabaro ukabije. Niba baravutse ari Abirabura, birashoboka cyane ko basabanye ubukana bwinshi uburinganire no kugaragariza ubuntu abirabura. Umuntu nk'uwo ashobora kuba yarabaye sokuru cyangwa so – ukaba urimo wibaza impamvu ubuzima bwafashe nabi bigeze aho iyo 'roho iteye agahinda'. Ku rundi ruhande, 'abera' bashyiraga amapingu ku birabura bakabafungira mu buroko, muri icyo gihe, bashobora kuba ubu ngubu bakirimo gutera rwaserera mu bandi bantu, bishyira mu cyiciro cy'amoko yose yivumbagatanya yamagana ibyabaye kera. Ibyo byahise bashobora kuba baragize uruhare mu kubirema. Brw9/157

NI BYO ko abantu bagenda bongera kwenda umubiri mu byiciro binyuranye by'igihugu, mu moko anyuranye, kugira ngo bashoboze roho kwiga isomo iri cyangwa ririya rifite akamaro mu rugendo rwayo ruzamuka rugana IBONUNUMVA RYA KRISTU. Brw9/158

Muhorane muri gatekerezi ihame remezo ry'imibereho. Mwebwe, mwebwe ubwanyu, murema ejo hazaza hanyu. Brw9/159

Mu kugenda mukigana kandi, murema icyo ari cyo cyose mukeneye ngo mujye ejuru. Mwabimenya mutabimenya, uko muhagurukira guteza imbere imibereho y'ubuzima bwanyu, ni ko mugenda mugera bya kimeza mu nzego zisumbuye z'ibonunumva nyaroho. Brw9/160

Nk'uko nabibabwiye, UGUSHAKA KW'IMANA ni ugukiza ibiremwa umuhangayiko, none kubera iyo mpamvu, amasomo ya ngombwa ngo muzamuke mugana Ibonunumva Nya-Mana azaza mu buzima bwanyu. Brw9/161

Rero BABARIRA – kuko nta bumenyi nyabwo ufite bw'urugendo rwa roho yawe mu binyejana byinshi by'ubuzima bwo ku isi. Nta kintu na kimwe uzi mu byo wowe, wowe ubwawe, wakoze mu buzima bwinshi bwahise. Babarira iby'ubu n'ibyo mu gihe cyashize kandi wemere ko hari byinshi byiza byabikomotseho, iga guha umugisha no gukunda abo utekereza ko bagukomerekeje, wowe cyangwa abasokuruza bawe. Brw9/162

Namwe mwambaye magingo aya impu zifite ububasha bw'ubutoneshwe, mwitegereze andi moko n'ibibazo afite kandi mutekereze ko mushobora, mu buzima buri imbere, gutura mu mubiri udahabwa agaciro maze namwe mukiboneraho uko bimera kuvukana icyiyumvo cyo kuba umuturage wo mu cyiciro gisuzugurwa. Mutekereze kandi ku buzima bwanyu bwinshi bwahise, mwibaze ibyo mushobora kuba mwarakoze cyangwa mutarakoze kugira ngo mube muri aho muri ubu. Brw9/163

⁷ Slave trade

Ukuri ku byerekeye IRONDAKOKO ni ukunguku:

Buri kintu cyose kiri munsu y'izuba cyakomotse ku Ibonunumva Nya-Mana mu buryo bumwe cyangwa ubundi. Mu mizi y'ikambere y'ukuba kwabo, buri wese abumbiye mu BUMWE. Brw9/164

None ibitandukanyo bibarizwa he? Brw9/165

Bikomoka mu gukura kw'amoko y'ibiremwa, mu miterere-shingiro yabyo, mu gutoza bose ibintu bimwe, mu byigishwa gakondo, mu muco n'imigenzereze mu burere, utumenyero mu miryango two kubana n'abandi, n'ibinyuranyo mu maforoma y'imitekerereze. Brw9/166

Ntabwo ari ibara ribatanywa. Umwana wo mu bwoko ubwo ari bwo bwose kubera ubuziranenge no kutishisha mu kwiyerekana uko ari, azakirwa neza mu mitima y'abantu bakuru benshi. Ni IBONUNUMVA ribatanywa, ni ryo ryumvikana kuri buri rwego rw'ukuba kwanyu – kuko, n'ubwo mufite imibiri ifatika, muri AMAFOROMA Y'IBONUNUMVA yerekana imbonera⁸ z'ibonunumva mukaba n'AMAFOROMA Y'IBONUNUMVA ahabwa n'abandi imbonera z'ibonunumva. Ibonunumva rya buri wese ni cyo kirukuri cye – si uruhu cyangwa uko asa – kandi ni n'ibonunumva ry'umuntu rikurura cyangwa rigahigika abandi. Brw9/167

Mushobora kwemera ko muzigobotora imyumvire y'irondakoko igihe imbonera zanyu mu bwenge no mu mbamutima zizasabana, ndetse n'igihe indangagaciro zanyu muzaba mwahisemo kubamo umunsi wose, zizaba zitanyuranye. Mu gihe ibyo bitaraba, ntacyo bimaze kurakaranywa kubera ubudasa bushingiye ku moko. Ni karande mu mibereho ya muntu. Brw9/168

Niba ushaka kwakirwa mu bundi bwoko, ugomba guhindura indangagaciro zawe, imyumvire, ibitekerezwa, uburyo bwo kubaho n'imibanire n'abandi kugira ngo bihure n'ibya buri wese muri ubwo bwoko. icyo gihe ibibazo by'amoko birayoyoka. Brw9/169

Niba utiteguye kwambara ibonunumva ry'ubwoko ushaka kujyamo, emera, wakire kandi WUBAHE mu RUKUNDO ubudasa mu ibonunumva. Nta n'umwe ufite uburenganzira bwo kuguhatira kutita ku budasa. Brw9/170

Ikindi kandi kiruta byose: nimuhitemo ibisumba ibindi mu isi, mwihatire kubyakira no kubikoresha – icyo gihe ibara ry'uruhu iryo ari ryo ryose rizagira ubwiza bushya kandi buturuka imbere ku buryo nta muntu utazabwakira. Icyo gihe abantu bose bazanywanya mu busabane. . Brw9/171

Imisusire igaragara ya buri bara izahinduka, na yo igire ubwiza bushya buturuka imbere. Brw9/172

⁸ Pattern

Igihe aya Mabaruka azaba yasakajwe ku isi, kandi amatsinda y’abantu agaterana kugira ngo abeho akurikije amategeko y’imibereho, bene ayo matsinda azabona ko ariho mu busabane mu buzima burinzwe, n’iyo haba hari akavuyo impande zabo. Brw9/173

Aho ari ho hose, abahura kugira ngo bige uko bakwinjira – bakaba mu imbere – mu Mbumbabyose y’Ukuba nise ‘Ubwami bw’Ijuru’ hashize imyaka 2000, bazabona ko mu by’ukuri imibereho yabo igenda ihinduka. Brw9/174

Ndashishikariza kujya muhura ku Cyumweru kugira ngo muvuge imigisha myinshi mwabonye, mushimire byimazeyo kandi mubikuye ku mutima, mwerekeze ubwenge bwanyu ku Cyabahaye Imibereho. Brw9/175

Muzirikanire hamwe kugira ngo mukurure Ibonunumva Nya-Mana, binyuze mu bwenge bwanyu, mu ibonunumva ry’isi, kugira ngo kamere Nya-Mana ishobore kurushaho gucengeza Urukundo ndengakamere muri kamere ya gatekerezi y’isi. Brw9/176

Amatsinda yanyu azasakaza imbaraga z’ibonunumva nya-roho zizanyeganyeze imbaraga za gatekerezi zibari impande. Brw9/177

Ndashaka ko mwibuka ko isi itari iri mu cyagane⁹ cy’amakuba igihe abayoboze b’amadini baturaga ku cyumweru bagiye kuramya Imana. Brw9/178

Ibyo bihe byarahise. Ntabwo muzaramya Imana. Brw9/179

Muziremamo imyumvire ihamye y’Ibonunumva Nya-Mana mpuzahose rihoraho. Ubuhuzahose bwaryo n’ububasha bw’ubuhanzi bwaryo buzashinga imizi mu mitwe yanyu ku buryo budakuka bugendeye ku bisingizo nyakuri. Mucecetse kandi mutuje, muzarenga imbibi mugere ku IBONUNUMVA NYA-MANA muritumirire mu rukundo kugenga gatekerezi n’umutima byanyu. Bityo, gahoro gahoro muzagenda muba umwe, kandi Ibonunumva Nya-Mana, rizagenda rirushaho kwigarurira isi, nk’uko byari umugambi waryo mu ikubitiro. Brw9/180

KUGARUKA MU MUBIRI. Brw9/181

Hari benshi bazabaza ukuntu mu gihe cy’isamwa, roho ishobora gukomorwa mu Ibonunumva Nya-Mana, ariko umubiri ubwawo, mu buzima uzabaho, ukaba wakoreshwa nk’ikigendesho cyo kwikagaragaza n’indi roho yiteguye kugaruka mu mubiri. Brw9/182

⁹ Predicament

Iyo roho yiteguye kwinjira mu buzima bwo ku isi mu gihe cyayo gikurikiyeho cyo kwigira ku isi, iyo roho ikururwa n’umubyeyi - cyangwa ababyeyi - bazayihabura uburyo bwo kugera ku ntambwe ikurikiyeho y’iterambere nya-roho. Mu gihe cy’isamwa, roho ikuze icengeze mu migendekere y’isamwa, ibonunumva ryayo bwite ry’ubuzima bwahise n’iterambere nya-roho rya kera, hanyuma igahinduka roho y’intanga ngore yimye. Brw9/183

Ababyeyi bamwe na bamwe bahita babonabanumva ko ibonunumva riturutse ahandi ribinjiyemo. Iryo bonunumva rishya umubyeyi aba yakiriye mu nda ye, rigira ingaruka ku mitekerereze ye, ugutwita kwe n’ubuziramuze bwe. Iyo umwana amaze kuvuka, umubyeyi yumva asubiranye ‘ubujyewe’ bwe busanzwe. Kenshi ababyeyi bagira imyumvire idasanzwe babonabanumva icyerekezo ubuzima bw’umwana buzafata, bagashobora gukuka ko iryo bonunumva ryaturutse mu by’ukuri mu byifuzo byabo bwite byerekeye umwana wabo. Brw9/184

Kugaruka mu mubiri si ikigwirira kidafite gahunda ihamye iyobora icyo gikorwa. Brw9/185

Umugambi ni uguha roho iri mu rugendo ubunararibonye bwinshi buhabanye bwagurira roho ububiko buhishe bw’ubumenyi nya-si. Iyo roho ihabwa impinduka zishishikaza kandi ngombwa z’ahantu izaba, umuryango izabamo, abantu bazayikikiza, ibirango bikomoka mu ironderakoko¹⁰, ariko **buri gihe**, ako karanganzira k’urugendo rwa roho kazarengerwa muri gatekerezi mbanziriza-bonunumva kazongere gaseruke ngo kanyeganyeze ubuzima bw’ubu, n’ubwo nyirubwite ashobora kuba atabizi na busa. Rero birashoboka ko ibirango, ibitekerezo bitsimbaraweho, cyangwa imigambi umuntu aba yarihebeye, bishobora guhererekana biva mu buzima bumwe bijya mu bundi. Rimwe na rimwe imigambi icurirwa mu buzima bumwe nyamara ikazabona amahirwe yo kugerwaho mu buzima bukurikiyeho, mu bihe bitandukanye cyane. Muri bene ibyo bihe, mbere yo kugaruka mu mubiri, roho igomba gutegereza kugeza ubwo ibihe byo ku isi biha inzira imigambi yihishe ya roho. Brw9/186

Nimushobora kwishushanya roho yibira mu kigomero cy’umutuku, igasohokamo ari umutuku, ikinjira mu buzima yabaye umuntu w’umutuku ufite amatwara karemano y’abantu b’ubwoko bw’umutuku, mu bwana agahabwa uburere bwo kubaho ubuzima bw’umutuku, muzumva ko iyo roho izava muri ubwo buzima ifite byinshi by’umutuku mu ibonunumva ryayo. Brw9/187

Hanyuma akibira mu kigomero cy’ubururu akavamo ari ubururu, afite ibirango byose by’ububururu – n’uburyo bwo kubaho bw’abantu b’ubururu. Igihe azongera kuvira ku isi, azaba yarakusanyije impande z’ibonunumva ry’ubururu zivanze n’iry’umutuku. Ni uko bikomeze bityo, ubuzima inyuma y’ubundi, iyo roho izakomeza ikure kubera kunyura mu mabara menshi, amadini, inzego, inshako, ibitsina, ibihugu, amatwara ya politiki, kugeza ubwo izakanguka ikabona ko ibyo ari ibiri kuyibaho, igafata icyemezo

¹⁰ Genetics

ko irambiwe urwo ruvagitirane rw'amabara anyuranye – igashaka noneho kuzamuka mu RUMURI. Ubwo ni bwo urugendo nya-roho nyarwo rwe rutangira – noneho buhoro buhoro, mu kuva mu buzima ajya mu bundi, akipakurura umutuku, ubururu, umuhondo, icyatsi, umukara, igaju, umuhemba, ya mabara yose yagiye arunda mu buzima bwahise, kugeza ubwo amaherezo, abohorwa balinga n'ibitekerezo bipfuye by'ubuzima bwahise, roho ye igaseruka mu RUMURI, noneho kugaruka mu mubiri bikaba bitakiri ngombwa. Roho ikaba ikomeye, ikungahaye, irema – nyamara ubugiti bwayo bukaba ari isugi, noneho agatangira kuzamuka mu nzego zinyuranye z'URUMURI nya-roho, hakurya y'inkurikirane z'umuvumero w'isi. Brw9/188

Nk'uko nabivuze muri iyi Baruwa, buri gihe mba ndi kumwe namwe, nsakaza UKURI kw'UKUBA mu ibonunumva. Uko muzarushaho gusoma aya Mabaruka, ni ko muzarushaho kubonamunumva Ukuhaba kwanjye n'Urukundo rwanjye, kandi imigambi yanjye y'urukundo mbafitiye izuzurizwa muri uwo mushyikirano. Ni mwe gusa muzashobora guhagarika umushyikirano. Jye nsakaza Urukundo ntitaye k'uko mwiyumva. Brw9/189

Mbasigiye URUKUNDO rwanjye kandi ndabifuriza urugendo rwihuta mu Rumuri Nya-roho. Brw9/190

Jyewe, Kristu, ndifuza byimazeyo ko aya MABARUWA asakazwa vuba agahabwa abantu bashaka Ukuri. Nushaka kuvuga ibiri muri aya MABARUWA yanjye, ndagusabye uje ugaragaza neza aho wabikuye: AMABARUWA YA KRISTU, www.christsway.co.za (Mu gitabo cyitwa: KRISTU ARAGARUTSE – ARIVUGIRA UKURI KWE).